REPUBULIKA Y' U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

IJAMBO K'UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI

Y'UMWAKA WA 2018/19

INSANGANYAMATSIKO: GUTEZA IMBERE INGANDA HAGAMIJWE KONGERA IMIRIMO N' ITERAMBERE KURI BOSE

Rigejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko imitwe yombi

Tariki ya 14 Kamena 2018

na

Dr. Uzziel NDAGIJIMANA

Minisitiri

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

1. Nk'uko biteganywa n'amategeko cyane cyane ingingo ya 162 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 ndetse n'ingingo ya 35 n'iya 38 z'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; mu izina rya Guverinoma, nejejwe no kubagezaho Umushinga w'itegeko rigena Ingengo y'Imari y'Umwaka wa 2018/2019 ndetse n'ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse.

2. Nk'uko mubizi, imbanzirizamushinga y'iyi ngengo y'imari ya 2018/19 twayibagejejeho ku itariki ya 30 Mata uyu mwaka, nyuma isuzumwa muri Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'Igihugu; tukaba tubashimira ibitekerezo mwayitanzeho kandi tubizeza ko byitaweho mu kunoza uyu mushinga w'itegeko tubagezaho uyu munsi.

3. Insanganyamatsiko y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/19 mbagezaho uyu munsi iragira iti: "**Guteza imbere Inganda Hagamijwe Kongera imirimo n' iterambere kuri bose"**; ikaba yaratoranijwe n'Abaminisitiri b'Imari b'ibihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba mu rwego rwo gushimangira ingamba twashyizeho zigamije guhanga imirimo bishingiye

cyane cyane ku iterambere ry'inganda bikazagira uruhare runini mu kugabanya ubushomeri mu rubyiruko mu karere no kwihutisha iterambere. Bikaba biri no mu murongo wa Gahunda y'Igihugu y'Imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1). Ni muri urwo rwego mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2018/19 hamwe no mugihe gicirirtse hateganijwe kongerera ubushobozi inganda zisanzwe no gufasha izitangira, hamwe no gukomeza gushyigikira gahunda zitandukanye zigamije guhanga imirimo.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

4. Iri jambo ku mushinga w'ingengo y'imari ya 2018/19 n'ingamba z'igihe gicirirtse mbagezaho uyu munsi rikubiyemo ibice 5 by'ingenzi bikurikira:

    a) Mbere na mbere ndabagezaho mu ncamake imiterere y'ubukungu bw'Isi mu mwaka wa 2017 muri rusange n'uko buteganijwe mu mwaka wa 2018/2019, nabagezeho imiterere y'ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara hamwe n'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba;

    b) Mu gice cya kabiri, ndabagezaho mu ncamake uko ubukungu bw'igihugu cyacu buhagaze mu mpera z'umwaka wa 2017;

c) Mu gice cya gatatu, ndabagezaho mu ncamake aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari y' umwaka wa 2017/18 hamwe n'iby'ingenzi byagezweho mu nzego zitandukanye;

d) Mu gice cya kane, ndabagaragariza ingamba z'ubukungu bw'igihugu cyacu mu gihe giciriritse kuva ku mwaka wa 2018 kugeza 2021.

e) Mu gice cya gatanu, ndabagezaho gahunda z'ibikorwa na politiki y'ubukungu bikubiye muri uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2018/19 n'ingamba zizadufasha kuyishyira mu bikorwa. Ndabagezaho kandi uko twasaranganyije amafaranga bijyanye na Gahunda y'Igihugu y'Imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1) n'ingamba ziteganyijwe mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda.

I. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'ISI MU MWAKA WA 2017 N'UKO BUTEGANIJWE MU MWAKA WA 2018/19

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

5. Raporo k'ubukungu bw'Isi (World Economic Outlook) yatangajwe n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) muri Mata 2018, igaragaza ko ubukungu bw'Isi bwazamutse ku gipimo cya 3.8 ku ijana bitewe ahanini n'umusaruro mwiza w'urwego rw' ubucuruzi mpuzamahanga. Ibi byagezweho bitewe no kuzahuka kw'ishoramari mu bihugu byateye imbere, kuzamuka k'ubukungu bw'ibihugu byihuta mu iterambere ku mugabane w'Asia n'Uburayi hamwe n'ibihugu byohereza ibicuruzwa byinshi ku isoko mpuzamahanga.

6. Mu bihugu byateye imbere, ubukungu bwazamutse ku gipimo cya 0.6 ku ijana mu mwaka wa 2017, biturutse ahanini ku ishoramari ryakozwe..

7. Ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara bwazamutse ku gipimo cya 2.8% mu mwaka wa 2017, ugereranyije na 1.4% mu mwaka wa 2016. Buteganijwe kuzamuka ku gipimo cya 3.4% mu mwaka wa 2018 bitewe ahanini no kuba ubukungu bw'ibihugu nka Nigeriya n' Afurika y'Epfo buteganyijwe kongera kuzamuka biturutse ku bucukuzi bwa Peteroli.

8. Ubukungu bw'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba **(EAC)** bwazamutse ku mpuzandengo ya 6.1% mu mwaka wa 2017/18 ugereranyije na 5.6 ku ijana mu mwaka wa 2016/2017, iri zamuka riri hejuru ya 3.4 ku ijana ryari riteganijwe mu bihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara.

II. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

9. Mumwaka wa 2017, ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku gipimo cya 6.1% mu mwaka wa 2017 ugereranyije n'igipimo cya 5.6% wari uteganijwe. Umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi wazamutse ku gipimo cya 7 ku ijana bitewe no kwiyongera k'umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo wazamutse ku gipimo cya 7% ugereranyije na 3% mu mwaka wa 2016. Umusaruro w'urwego rw'inganda wazamutse ku gipimo cya 4% ugereranyije na 7% wari wazamutseho mu mwaka wa 2016 biturutse ahanini k'umusaruro w'urwego rw'ubwubatsi wagabanutse ku gipimo cya 3 ku ijana mu mwaka wa 2017.

10. Naho urwego rwa serivisi rwazamutse ku gipimo cya 8% mu mwaka 2017 bitewe n'ubukerarugendo bwateje imbere amahoteli na resitora, iterambere ry'urwego rw'ubwikorezi bitewe no kwagura ibikorwa bya Rwandair hamwe no kwiyongera kw'inguzanyo zigenerwa urwego rw'abikorera ugereranyije n'umwaka wa 2016.

11. Igipimo cy'izamuka ry'ibiciro ku isoko cyaragabanutse kuva kuri 5.7% cyariho mu mwaka wa 2016 kugera kuri 4.8% mu mwaka wa 2017. Uku kugabanuka kw'igipimo cy'ubwiyongere bw'ibiciro ku masoko kwatewe n'ibihe byiza mu mwaka wa 2017, umusaruro w'ubuhinzi wiyongereye bigatuma izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa riva ku gipimo cya 15% mu gice cya mbere cy'umwaka wa 2017 kugera kuri 4.6% mu gice cya kabiri cy'umwaka wa 2017. Ibi byiyongeraho kuba ifaranga ry'igihugu cyacu ritaratakaje agaciro cyane.

12. Mu rwego rw'ubuhahirane n'amahanga, mu mwaka wa 2017 icyuho hagati y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza mu muhanga cyaragabanutse biturutse ku byo twohereza mu mahanga byiyongereye ku gipimo cya 44.5% ku ijana mu gihe ibyo dutumiza mu mahanga byagabanutse ku gipimo cya 5.6%.

13. Kubirebana n'iterambere ry'urwego rw'imari, ingamba twashyizeho zatanze umusaruro mwiza ugereranyije n'umwaka wa 2016, bikaba byarafashije kuzamura amafaranga akoreshwa ku isoko ku gipimo cya 13% kugeza mu mpera z'ukwezi kwa Mata 2018 ugereranyije n'igipimo cya 11.9% mu mwaka wa 2016.

14. Inguzanyo zihabwa abikorera ziyongereye ku gipimo cya 8% kugera mu mpera z'ukwezi kwa Mata 2018 ugereranyije na 8.8% kugera mu mpera z'ukwezi kwa Mata 2017. Ihungabana ry'agaciro k'ifaranga ry'igihugu cyacu ugereranyije n'Idorali ry'Amerika ryageze ku gipimo cya 3.5% kugera mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 2018 ugereranyije n'igipimo cya 6.4% kugera mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 2017; ahanini bitewe no

kwiyongera kw'ibyo twohereza mu mahanga hamwe no kugabanuka ku ibyo dutumiza.

III. AHO INGENGO Y'IMARI YA 2017/2018 IGEZE ISHYIRWA MU BIKORWA

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

15. Kubirebana n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2017/18, imibare dufite iragaragaza ko mu bihembwe bitatu bibanza by'umwaka wa 2017/2018 gukoresha ingengo y'imari bigenda neza muri rusange.

16. Kugera mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 2018, amafaranga aturuka ku misoro yinjijwe agera kuri **Miliyari 901.6** z'amafaranga y'u Rwanda, ugereranyije na **Miliyari 880.6** yari ateganyijwe, bivuze ko yarenzeho agera kuri **Miliyari 21**. Amafaranga akomoka ku mahoro yinjijwe aragera kuri **Miliyari 150.4**, akaba yaragabanutse ho agera kuri **Miliyari 16** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 166.4** z'amafaranga y'u Rwanda yari ateganyijwe kwinjira.

17. Amafaranga yinjijwe aturuka hanze y'igihugu yageze kuri **Miliyari 585.7**, akaba yararenze ho agera kuri **Miliyari 13.2** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 572.5** yari ateganyijwe.

18. Ku birebana n'uburyo amafaranga yakoreshejwe, imibare dufite igaragaza ko kuva mu kwezi kwa Nyakanga 2017 kugera Werurwe 2018 hakoreshejwe amafaranga agera kuri **Miliyari 1,631.9** z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yararenzeho agera kuri **Miliyari 34.1** ugereranyije na **Miliyari 1,597.8** yari ateganyijwe gukoreshwa. Turebye aho tugeze dushyira ingengo y'imari mu bikorwa bikaba biduha icyizere ko ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2017/18 yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko izakoreshwa nk'uko byateganyijwe.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

19. Nyuma yo kubagaragariza aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya 2017/18, munyemerere mbagezeho mu ncamake ibikorwa by'ingenzi byagezweho muri uyu mwaka mu nzego zitandukanye:

a) Urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi:

20. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa Politiki yo guhuza ubutaka, mu bihembwe byombi by'ihinga hahujwe ubuso bungana na hegitari ibihumbi 312,574 buhingwaho ibigori, ubuso bungana na hegitari ibihumbi 693,321 zihingwaho ibishyimbo, hegitari ibihumbi 115,646 zihingwaho ibirayi, hegitari ibihumbi 25,214 zihingwaho ingano, hegitari ibihumbi 26,660 zihingwaho imyumbati, hegitari ibihumbi 28,300 zihingwaho umuceri na hegitari ibihumbi 15,777 zihingwaho soya.
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi, hatanzwe Toni ibihumbi 12,863.5 z'ifumbire mvaruganda na Toni ibihumbi 10,864.5 z'ishwagara zatanzwe mu turere dufite ubutaka busharira.
- ✓ Hashyizwe imbaraga mu gutubura imbuto z'indobanure imbere mu gihugu, bituma hatangwa Toni ibihumbi 10 z'ibigori, Toni 169 z'ingano, Toni ibihumbi 60 za Soya, Toni 60 z'ibirayi hamwe n'imbuto z'imyumbati zirenga ingeri ibihumbi 89;

- ✓ Mu rwego rwo kwita ku butaka no kurwanya isuri hatunganyijwe amaterase y'indinganire ku buso bungana na hegitari 1,562.7 hanacibwa imirwanyasuri ku buso bungana na hegitari 486.9 ;

- ✓ Imirimo yo gutunganya igishanga cya Kabuye irakomeje ikaba igeze ku gipimo cya 95% mu gihe imirimo yo gutunganya igishanga cya Rwamagana igeze ku gipimo cya 41.5%. Hatunganyijwe Hegitari 340 muri gahunda yo kuhira imyaka mu bishanga na hegitari 267 ku misozi, ndetse n'imirimo yo kubaka damu ya Muyanza yarangiye.

- ✓ Muri gahunda yo kongera umusaruro ukomoka ku bworozi, i Huye hashyizweho icyuma gishya cyifashishwa mu kubika neza intanga. Inka ibihumbi 76,721 zatewe intanga havuka inka ibihumbi 28,050;

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kwongera umusaruro w'ibyo twohereza mu mahanga, Toni ibihumbi 17,030 z'ikawa zoherejwe mu mahanga zinjiza **Miliyoni 59.5** z'amadorali y'Amerika, Toni ibihumbi 19,444 z'icyayi zoherejwe mu mahanga zinjiza **Miliyoni 63.8** z'amadorali y'Amerika naho Toni 15 z'ibireti bitunganyijwe zinjiza **Miliyoni 2.5** z'amadorali y'Amerika.

- ✓ Umusaruro w'imbuto, imboga n'indabyo twohereza mu mahanga winjije **Miliyoni 17** z'amadorali y'Amerika, impu zinjiza **miliyoni 4.6** z'amadorali y' Amerika, inyama zinjiza **miliyoni 17.2** z'amadorali y'Amerika naho umusaruro ukomoka ku mata winjiza **miliyoni 11.1** z'amadorari y'Amerika.

b) Urwego rw'ingufu:

21. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera za Werurwe 2018 ni ibi bikurikira:

- ✓ Ingo ibihumbi 113,605 zahawe amashanyarazi, ugereranyije n'ingo 96,648 zari ziteganijwe;
- ✓ Ingo 80,475 zahawe amashanyarazi ashingiye ku ngufu z'imirasire y'izuba (off-grid) ugereranyije n'izigera ku bihumbi 98,977 zari ziteganyijwe kandi iki gikorwa kirakomeje;
- ✓ Ahantu hagera kuri 434 hakorerwa ibikorwa bitandukanye bitanga umusaruro hagejejwe amashanyarazi ugereranyije n'ahagera kuri 276 hari hateganijwe;
- ✓ Imirimo yo kubaka no kwagura umuyoboro w'amashanyarazi wa KV 110 Rulindo-Gabiro-Musha na sitasiyo ya Gabiro ufite km 110 hamwe no kwagura sitasiyo ya Musha igeze ku gipimo cya 98.5%;
- ✓ Imirimo yo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi wa Rulindo-Byumba-Gatuna hamwe n'agashami ka Byumba-Ngarama igeze kuri 99.78%.

c) Urwego rw'amazi, isuku n'isukura:

22. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera za Werurwe 2018 ni ibi bikurikira:
    - ✓ Ingo zigera ku bihumbi 58,665 mu mijyi n'ibihumbi 33,245 bo mu cyaro bagejejweho amazi meza;
    - ✓ Hubatswe imiyoboro y'amazi ifite uburebure bungana n'ibirometero 147.1 mu mijyi n'ibirometero 172.2 mu cyaro;
    - ✓ Imirimo yo kubaka uruganda rw'amazi rwa Nzove ya mbere igeze ku kigero cya 98%;

d) Urwego rwo gutwara abantu n'ibintu:

23. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera za Werurwe 2018 ni ibi bikurikira:
    - ✓ Ibirometero 138.1 by'imihanda itandukanye byaravuguruwe; harimo agace ka gatandatu k'umuhanda ukikije Ikiyaga cya Kivu wa Rubengera-Gisiza ufite km 24.1, agace kawo ka karindwi: Gisiza-Rubavu gafite km 48, umuhanda Rukomo-Base wa km 38 ndetse n'imihanda yo mu Mujyi wa Kigali ingana km 28;
    - ✓ Ibirometero (km) 57.9 by'imihanda itandukanye byarasanwe. Harimo umuhanda wa Gabiro-Kayonza ugeze ku gipimo cya 26.9% usanwa, umuhanda Huye-Kitabi ugeze ku gipimo cya 24.5%, umuhanda Kagitumba-Gabiro ugeze ku gipimo 12.8%; naho uwa Kayonza-Rusumo ugeze ku gipimo 28.9%;
    - ✓ Hakomeje imirimo yo gusana no gufata neza imihanda y'imihahirano itandukanye; harimo umuhanda wa Giticyinyoni-Ruli-Rushashi-Gakenke ufite ibirometero 68.7, umuhanda wa Brasserie-Nkora ufite ibirometero 27, umuhanda Kazabe-Rutsiro ufite ibirometero 54, n'uwa Kinazi-Mukunguri;
    - ✓ Imirimo yo kubaka ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Bugesera igeze ku gipimo cya 14.2%.

e) Urwego rw'imiturire:

24. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera za Werurwe 2018 ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo guteza imbere imiturire myiza mu cyaro, imidugudu y'icyitegererezo 30 irimo gutunganywa mu turere dutandukanye tw'igihugu;
- ✓ Ingo zisaga ibihumbi 12,689 zari zituye zitatanye hamwe n'ingo zari zituye mu manegeka zarimuwe zituzwa mu midugudu;
- ✓ Imirimo yo gutunganya ibikorwa remezo by'ibanze muri site ya Batsinda ya kabiri igeze ku gipimo cya 45% naho iy' umudugudu w'Abadahigwa i Kabuga igeze ku gipimo 69%;

f) Mu rwego rw'uburezi:

25. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Hahuguwe abashinzwe uburezi ku rwego rw'Akarere n'Umurenge hamwe n'abayobozi b'ibigo by'amashuri bo mu turere twose bagera ku 1,947 kuri sitati yihariye y'abarimu no kwemeza uburyo bw' imicungire y'abarimu hifashishijwe ikoranabuhanga (teacher management information system);
    - ✓ Hatanzwe ibitabo ibihumbi 90,904 by'Ikinyarwanda mu mashuri abanza mu rwego rwo kurushaho kunoza imyigishyirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri;
    - ✓ Hatanzwe ibitabo by'integanyanyigisho ibihumbi 995,888 mu mashuri abanza;

- ✓ Muri gahunda yo kwandikira ibitabo by'integanyanyigisho mu gihugu aho kubitumiza hanze, handitswe ibitabo 12 bitandukanye by'amashuri y'incuke na 33 by'amashuri yisumbuye;
- ✓ Muri gahunda y'ikoranabuhanga mu burezi, hagejejwe Internet mu mashuri 200, muri yo 70 yahawe mudasobwa 100 kuri buri shuri,
- ✓ Havuguruwe ibyumba by'amashuri 982, hunubakwa ikigo cy'ishuri mu mudugudu w'icyitegererezo wa Vunga.
- ✓ Habatswe laboratwari 12 zinashyirwamo ibikoresho, hanubakwa ubwiherero 1,546 ku bigo by'amashuri bitandukanye;
- ✓ Mu rwego rwo guteza imbere amashuri y'imyuga, imirimo yo kubaka ishuri ry'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rya Rutongo rigeze kuri 99%; ishuri rya TVET rya Nyabihu rigeze kuri 96% naho ishuri rya TVET rya Muhanga rigeze 55%;
- ✓ Twafashije urubyiruko rw'abanyeshuri rugera ku 1,085 bize amashuri y'imyuga mu kwihangira imirimo binyujijwe muri gahunda ya KORA WIGIRE (NEP);
- ✓ Ishuri rya Kaminuza y'u Rwanda ryigisha ibijyanye no gukora ibishushanyo by'amazu no gutunganya imyubakire igezweho (Architecture and Built Environment) ryaruzuye muri Campus ya Nyarugenge ahahoze KIST.

g) Mu rwego rw'ubuzima:

26. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

- ✓ Hatewe imiti yo kurwanya Malariya mu turere twa Kirehe, Nyagatare, Gisagara na Bugesera twagaragayemo malariya kurusha utundi;
- ✓ Kugira ngo tugabanye indwara zitandura mu baturage, hahuguwe abakozi 427 batanga serivisi z'ubuzima mu bigo nderabuzima na 18 ku bitaro by'Akarere; Mu rwego rwo gukomeza kurwanya icyorezo cya SIDA, abatanga serivisi z'ubuzima mu bitaro 6 byo ku rwego rw'akarere n' Ibigo nderabuzima 30 barahuguwe mu buryo bwo kurinda umubyeyi kwanduza umwana;
- ✓ Mu turere dutandukanye, hakomeje gahunda yo kurwanya imirire mibi mu bana bari munsi y'imyaka 2 bagaragaje ibimenyetso byo kugwingira, binyuze mu gutanga ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri (Fortified Blended food) bigera kuri toni 1,027, hanatangwa toni 333 ku babyeyi bonsa n'abatwite bo mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe;
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gushyigikira ubwisungane mu kwivuza no kugeza serivisi z'ubuvuzi ku Banyarwanda bose, abatishoboye bari mu cyiciro cya mbere cy'Ubudehe batangiwe ubwisungane mu kwivuza;
- ✓ Imirimo yo kubaka ibitaro bya Byumba igeze ku gipimo cya 93%; ibitaro bya Gatonde bigeze ku gipimo cya 58%, ibya Gatunda bigeze kuri 41% naho imirimo yo kubaka ibitaro bya Nyabikenke yarasubukuwe ikaba igeze kuri 22%;

h) Mu rwego rw'ubutabera:

27. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

- ✓ Twarangije gushyiraho icyiciro cya mbere cy'uburyo bukoresha ikoranabuhanga mu gutanga ibirego mu nkiko;
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kugeza ubutabera ku baturage, Abunzi bakiriye imanza ibihumbi 33,829 muri zo ibihumbi 32,074 zingana na 94.8% ku ijana zarakemuwe mu bwumvikane, 1,755 zingana 5.2% ziracyasuzumwa;
- ✓ Muri gahunda yo gutanga ubufasha mu butabera no gukurikirana ko amategeko arengera abana yubahirizwa, urwego rushinzwe gutanga ubufasha mu butabera (MAJ) rwakiriye ibirego ibihumbi 14,612 muribyo ibihumbi 14,516 bingana 99% ku ijana byarakemuwe;
- ✓ Imirimo yo kubaka sitasiyo za polisi zitandukanye yarakomeje; Sitasiyo ya Kiziba yararangiye, iya Rusororo n'iya Kicukiro zigeze ku gipimo cya 75%, iya Rwezamenyo igeze ku gipimo cya 73%, iya Kayonza igeze ku gipimo cya 76%, naho imirimo yo kubaka ibiro bya Police ku rwego rw'Intara nayo yararangiye;

i) Mu rwego rw'imibereho myiza:

28. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe ni ibi bikurikira:
- ✓ Hafashijwe imiryango igera ku bihumbi 124,263 yo mu mirenge 244 kwikura mu bukene binyujijwe mu gukora imirimo rusange muri gahunda ya VUP (VUP public works);
- ✓ Imiryango ibihumbi 22,530 yahawe inka muri Gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA;

- ✓ Abana bagera ku bihumbi 95,175 bahawe amata muri Gahunda y'inkongoro y'amata kuri buri mwana mu bigo by'amashuri 143 byo mu turere 27;
- ✓ Abana ibihumbi 16,477 bari munsi y'imyaka itanu bahawe amata angana na litiro 1,950,847;
- ✓ Abana bagera ku 1,011 bashubijwe mu miryango, barimo 262 bakuwe mu bigo by'imfubyi, na 700 bakuwe mu mihanda;
- ✓ Abacitse ku icumu rya genocide yakorewe Abatutsi bagera kuri 1,333 bahawe inkunga y'ingoboka yihariye, ibihumbi 21,617 bahawe inkunga y' ingoboka isanzwe binyuze muri gahunda ibagenerwa; naho abanyeshuri ibihumbi 14,001 bo mashuri makuru n'abo mu mashuri y'ubumenyingiro barafashijwe;
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gufasha imiryango ikennye kurusha iyindi, ingo zigera ku ibihumbi 3,008 zahawe ubufasha bw'ibanze kugirango babashe kwikura mu bukene (Minimum Package for Graduation);
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gukurikirana imikurire n'imibereho y'abana; hatangijwe Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'Abana Bato (National ECD Program) ihabwa n'abakozi. Hakozwe kandi urutonde rw'ibigo by'amarerero y'abana bigera ku 4,100 mu turere twose bikaba byaratangiye gukora neza;

IV. INGAMBA Z' UBUKUNGU MU GIHE GICIRIRITSE

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

29. Nyuma yo kubagezaho uko ubukungu bw'igihugu cyacu bwari buhagaze mu mwaka wa 2017, ndetse no ku bagaragariza ibikorwa by'ingenzi na gahunda byashyizwe mu bikorwa mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2017/18 tugiye dusoza, Munyemerere mbagezeho mu ncamake ingamba z'ubukungu mu gihe gicirirtse (2018/19-2020/21) hamwe n'ingengo y'imari iteganyijwe mu mwaka wa 2018/19.

30. Ubukungu bw'u Rwanda buteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 7.2% mu mwaka wa 2018 bukazakomeza kuzamuka kugera ku gipimo cya 7.8% mu mu 2019, no ku gipimo cya 8% mu 2020. Umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi uteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 5.6% mu mwaka wa 2018, 4.5% mu 2019, na 4.3% mu 2020.

31. Umusaruro w'urwego rw'inganda uteganijwe kwiyongera ku gipimo cya 8.3% mu mwaka wa 2018, 13.1% mu 2019, na 13.9% mu 2020.
    Umusaruro w'urwego rwa serivisi uteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 7.6% mu mwaka wa 2018, 7.8% mu 2019, na 7.8% mu 2020..

32. Igipimo cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko (Inflation) mu mwaka wa 2018 ndetse no mugihe giciriritse giteganyijwe kutarenga 5%.

33. Mu rwego rw'ubuhahirane n'amahanga, ikinyuranyo hagati y'ibyo twohereza n'ibyo dutumiza mu mahanga giteganyijwe kugabanuka kugera kuri miliyoni 867.2 z'amadolari y'Amerika mu mwaka wa 2018 na miliyoni 1,026.9 z'amadolari y'Amerika mu mwaka wa 2019 betewe ahanini n'ibikoresho bizatumizwa mu kubaka ikibuga cy'indege cya Bugesera.

34. Ku birebana n'iterambere ry'urwego rw'imari, iamafaranga ashyirwa ku isoko (broad money) ateganijwe aziyongera ku gipimo 16.5% muri 2018 no na 18.8% mu mwaka wa 2019. Inguzanyo zihabwa urwego rw'abikorera ziyongera ku gipimo cya 15.1% mu mwaka wa 2018 na 15.2% mu mwaka wa 2019.

V. INGENGO Y'IMARI YA 2018/19, GAHUNDA N'IBIKORWA BIZIBANDWAHO

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

35. Nyuma yo kubagezaho mu ncamake ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse, munyemerere mbagezeho imiterere y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/19 ndetse n' ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho.

36. Muri rusange politike y'ingengo y'imari mu gihe giciriritse ni ugukomeza kongera amafaranga yinjira mu ngengo y'imari, cyane cyane ingengo y'imari ituruka imbere mu gihugu, gucunga neza inguzanyo dufata, cyane cyane twibanda kugufata inguzanyo ku mishinga yizwe neza kandi zidahenze, mu rwego kugabanya icyuho mu ngengo y'imari. Kuzamuka kw'amafaranga yinjira mu ngengo y'imari ava imbere mu gihugu ndetse no kugenera ingengo y'imari ibikorwa by'ingenzi byasesenguwe neza akaba aribyo bizatuma tugera kuri gahunda twiyemeje.

37. Kubera iyo mpamvu icyuho mu ngengo y'imari kizagabanuka kuva kuri 4.9% ku ijana by'umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP) muri 2018/19 kigere kuri 4.6 ku ijana muri 2020/21.

38. Bijjyanye n'iyi politiki, ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/19 irangana na **Miliyari 2,443.5** z'amafanga y'u Rwanda, Ikaba izaba yiyongereyeho **Miliyari 328.2**, bingana na 16% ugereranyije na **Miliyari 2,115.3** twari dufite mu ngengo y 'imari ivuguruye ya 2017/18. Iyi nyongera ikaba izaturuka ahanini ku mafaranga ava imbere mu gihugu ndetse n'inkunga ziva hanze.

39. Amafaranga ateganyijwe kuva imbere mu gihugu angana na **Miliyari 1,645.1** z'amafaranga y'u Rwanda, bingana na 67% by'ingengo y'imari

yose, akaba azaba yiyongereyeho **Miliyari 232.3** ugereranyije na **Miliyari 1,412.8** twari dufite mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017/18. Amafaranga akomoka ku misoro aragera kuri **Miliyari 1,351.7** z'amafanga y'u Rwanda, akaba aziyongeraho **Miliyari 151.4, bingana na 13%** ugereranyije n'ayo twari dufite mu ngengo y'imari ivugururuye ya 2017/18 angana na **Miliyari 1,200.3**. Andi mahoro ateganijwe aragera kuri **Miliyari 155.7**, akaba aziyongeraho **Miliyari 17.5** ugereranyije na **Miliyari 138.2** ari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017/18.

40. Mu ngengo y'imari ya 2018/19 inguzanyo ziva hanze zingana na **Miliyari 402.2** z'amafanga y'u Rwanda, bingana na 16% by'ingengo y'imari yose. Amafaranga yose ava imbere mu gihugu twongeyeho n'inguzanyo ziva hanze twishyura arangana na **miliyari 2,047.3** z'amafanga y'u Rwanda bingana na 84% ku ijana by'ingengo y'imari yose. Inkunga ziva mu mahanga ziteganijwe kugera kuri **Miliyari 396.3,** bingana na 16% ku ijana by'ingengo y'imari yose. Ibi bikaba byerekana ko turi mu murongo mwiza ujyanye n'icyerekezo cyo kwigira.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

41. Munyemerere mbagezeho zimwe mu ngamba Guverinoma yafashe mu bijyanye na gahunda y'imisoro n'ubwakirizi bwayo kugirango tugere ku ntego twihaye mu bijyanye no kwinjiza amafaranga ava imbere mu gihugu:

- ✓ Hari ukuvugurura itegeko rishyiraho uburyo bwo kwakira umusoro ku nyungu (VAT) twibanda ku buryo abacuruzi bose bakoresha ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabwishyu, kugira ngo birusheho kunogera abasora;
- ✓ Kuvugurura itegeko rigena umusoro ku mutungo utimukanwa;
- ✓ Gushyiraho itegeko rishyiraho ibipimo bishya by'amahoro yakwa ku byacurujwe bimwe na bimwe nk'nzoga, itabi n'ibindi;

42. Uretse amavugurura maze kuvuga, hari kandi mavugurura y'amahoro ya gasutamo twemerewa mu rwego rw'ibihugu byo mu Karere k'Afrika y'Iburasirazuba twahuje za Gasutamo (Customs Union- Common External Tariff) zizadufasha gushyigikira gahunda z'ingenzi twihaye harimo guteza imbere ibikorerwa iwacu "Made in Rwanda", gutwara abantu n'ibintu, ndetse no gufasha abaturage kugezwaho ku buryo buhendutse iby'ibanze bakenera mu buzima bwa buri munsi. Izo ngamba ni izi zikurikira:
    - Umuceri uzakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 45 ku ijana cg amadorali y'amerika 345 kuri toni aho kwishyura 75 ku ijana.
    - Isukari izakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 25 ku ijana aho kwishyura 100 ku ijana.

- Ibicuruzwa bitumizwa gucururizwa mu Iguriro ryashyiriweho abakora mu nzego z'umutekano (Army Shop) bizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 0 ku ijana.
- Imodoka za rukururana zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 0 ku ijana aho wishyura 10 ku ijana.
- Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi buri hagati ya toni 5 na toni 20 zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 10 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana.
- Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi burenze toni 20 zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 0 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana.
- Imodoka zitwara abagenzi ku buryo rusange bari hagati ya 25 na 50 zizakomeza kwishyura 10 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana.
- Imodoka zitwarira hamwe abagenzi barenze 50 zizakomeza kwishyura 0 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana.
- Imashini n'ibindi bikoresho by'ibanze bikoreshwa mu budozi bw'imyenda no mu nganda zitunganya impu zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 0 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana.
- Ibikoresho by'itumanaho bizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 0 ku ijana aho kwishyura 25 ku ijana
- Amagare ya sport akoreshwa mu isiganwa ry'amagare azajya byishyura ku gipimo cya 0 ku ijana mu gihe aho kwishyura 25 ku ijana

- Ibicuruzwa biri ku rutonde rw'ibikoresho by'ibanze bikenerwa mu nganda (Raw materials) bizakomeza kwishyura 0 ku ijana aho kwishyura 10 ku ijana cg 25 ku ijana
- Ibikoresho byifashishwa mu guhererekanya amafaranga (amakarita ya za banki, utumashini dukoreshwa n'abacuruzi) zizakomeza kwishyura 0 ku ijana aho kuba 25 ku ijana.
- Imyenda ya caguwa izakomeza kwishyura amadorari 4 y'Amerika ku kiro aho kwishyura 2.5 ku ijana ku kiro. Mu gihe inkweto za caguwa zizakomeza kwishyura amadorari ya Amarika 5 ku kiro mu aho kwishyura 0.4 by'amadorari y' Amerika.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

43. Nyuma yo kubagaragariza ingamba zizadufasha kwinjiza amafaranga mu ngengo y'imari, munyemerere mbagezeho uburyo ingengo y'imari iteganyijwe gukoreshwa.
44. Ibikorwa bizakoreshwamo amafaranga mu ngengo y'imari ya 2018/19 byatoranyijwe hashingiwe ku bikorwa by'ingenzi bikubiye muri Gahunda y'imyaka irindwi y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (National Strategy for Transformation-NST1). Dushingiye kuri iyi gahunda, amafaranga azakoreshwa mu ingengo y'imari isanzwe (recurrent budget) aragera kuri

Miliyari 1,266.1 z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yariyongereyeho miliyari zisaga **135.4, bingana na 12%** ugereranyije na **Miliyari 1,130.7** z'amafaranga y'u Rwanda twari dufite mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017/18. Iyi nyongera ikaba izafasha ahanini mu kwishyura imishahara y'abakozi ba Leta ndetse n'amafaranga afasha inzego za Leta kurangiza inshingano zazo.

45. Ingengo y'imari y'iterambere iragera kuri **Miliyari 936.6** z'amafaranga y'u Rwanda, ikaba iziyongeraho asaga **Miliyari 154.1, bingana na 20%** ugereranyije na **Miliyari 782.5** ari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017/18. Amafaranga y'imishinga ava imbere mu gihugu arangana na **Miliyari 549.6** z'amafaranga y'u Rwanda; mu gihe amafaranga y'imishinga ava mu mahanga agera kuri **Miliyari 387**. Muri rusange, amafaranga yagenewe imishinga akazibanda ku mishinga yatangiye igikomeje ndetse n'indi mishya igamije iterambere.

46. Amafaranga y'ishoramari rya Leta mu bikorwa by'ubucuruzi (Net lending) aragera kuri **Miliyari 190** z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yiyongera ugereranyije na **Miliyari 178** z'amafaranga y'u Rwanda ari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017/18. By'umwihariko uku kwiyongera kazafasha ahanini mu kwagura ibikorwa bya Rwandair.

Icyuho mu ngengo y'imari kikaba giteganijwe kugera kuri **Miliyari 436.8**, mu kuziba icyo cyuho, hazakoreshwa inguzanyo ziva hanze n'iziva imbere mu gihugu.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

47. Nyuma yo kubagezaho ingengo y'imari iteganyijwe mu mwaka wa 2018/2019, munyemerere mbagezeho ibikorwa by'ingenzi byagenewe ingengo y'imari bikubiye muri gahunda y'imyaka irindwi y'Igihugu igamije kwihutisha Iterambere (NST1).

a) Inkingi y' bukungu

48. Intego nyamukuru y'iyi nkingi ni ukubaka ubukungu burambye bishingiye ku kwihutisha umuvuduko w'iterambere, guteza imbere urwego rw'abikorera, kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi, n'iterambere ry'inganda. Icyi cyiciro kikaba cyaragenewe agera kuri **Miliyari 1,389.5** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na 57**%** by'ingengo y'imari yose ya 2018/19. Gahunda n'ibikorwa by'ingenzi bikubiye muri iki cyiciro ni ibi bikurikira:

i) Guhanga imirimo mishya igera ku 216,717 byagenewe amafaranga agera kuri Miliyari 46.7. ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho ni ibi bikurikira:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya KORA WIGIRE mu nzego zitandukanye cyane cyane hitabwa ku mirimo ifasha urubyiruko n'abategarugori;
- Guteza imbere ubumenyingiro dufasha amashuri y'imyuga no gutanga ibikoresho by'ibanze ku barangije ayo mashuri bihangira imirimo;
- Gufatanya n'abikorera muri gahunda yo gufasha abanyeshuri mu kwihugura mu kazi (industrial based training and aprenticeship) kugira ngo bahuze ubumenyi bwo mu ishuri n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo;
- Gutera inkunga ba rwiyemazamirimo bakiri bato bafashwa mu kubona inguzanyo mu bigo by'imari;
- Guteza imbere ibigo bito n'ibiciritse tubifasha kunoza ibyo bakora no kubona ibyemezo by'ubuziranenge;
- Gufatanya n'abikorera bafite imishinga y'ishoramari izatanga akazi cyane cyane imishinga y'inganda.

ii) Guteza imbere inganda n'umusaruro w'ibicuruzwa twohereza mu muhanga byagenewe Miliyari 253.5. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:

- ✓ Gutunganya ahagenewe ibikorwa by'inganda hirya no hino mu gihugu,
- ✓ Kubaka ibyambu 4 ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu;
- ✓ Gukomeza imirimo yo kubaka ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Bugesera icyiciro cya 1;

- ✓ Gukomeza kwagura ibikorwa bya RWANDAIR;
- ✓ Guteza imbere ubukerarugendo, harimo bushingiye ku nama mpuzamahanga,
- ✓ Kuzamura umusaruro w'ikawa tugamije kwijinjiza nibura Miliyoni 75 z'amadorali y'Amerika;
- ✓ Gukomeza kwagura ubuhinzi bw'icyayi tugamije kwiniza agera kuri miliyoni 82.7 z'Amadorali yAmerika;
- ✓ Kongera umusaruro w'Indabyo zoherezwa mu mahanga kugipimo cya 34%;

iii) Guteza imbere urwego rwo gutwara abantu n'ibintu rwagenewe Miliyari 238.9. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:

- ✓ Kubaka, gusana no kwagura imihanda itandukanye hirya no hino mu gihugu mu rwego rwo koroshya ubuhahirane;
- ✓ Kunoza uburyo rusange bwo gutwara abantu mu mujyi wa Kigali no hirya no huno mu gihugu;
- ✓ Kubaka km 534 z'imihanda ifasha kugeza umusaruro ku masoko.

iv) Guteza imbere urwego rw'ingufu byagenewe Miliyari 144. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:

- ✓ Gukomeza gahunda yo Kugeza amashanyarazi ku ahantu 307 hakorerwa ibikorwa bitanga umusaruro, n'ahakorera inzego za Leta;

- ✓ Kongera amashayanyarazi agera kuri MW 7.6 z'amashanyarazi ku muyoboro ;
- ✓ Kubaka, gusana no kwagura imiyoboro y'amashanyarazi itandukanye;
- ✓ Gukomeza kugabanya igihombo cy'amashanyarazi giterwa n'imiyoboro itameze neza;
- ✓ Gugeza amashanyarazi ku baturage harimo n'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba (Off Grid solutions).

v) Guteza imbere kuzigama binyuze mu ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Guteza imbere services z'imali no kugira Kigali, ihuriro mpuzamahanga rya services z'imari (Kigali Financial Services Center),
- ✓ Gufasha abantu ibihumbi bagera ku 445,000 kwiyandikisha muri gahunda y'ubwizigame bw'igihe kirekire;
- ✓ Gushyira mu bikorwa rya gahunda y'imyaka 10 yo guteza imbere isoko ry'imari n'imigabane,
- ✓ Guteza imbere ibigo by'imari n'amakoperative; Guteza imbere ikoranabuhanga muri serivisi z'imari no kwishyurana hagamijwe kugabanya guhererekanya amafaranga mu ntoki.
- ✓ Korohereza abahinzi kubona inguzanyo no gutangiza ubwishingizi ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi.

vi) **Kuzamura Umusaruro w’ubuhinzi n’ubworozi byagenewe Miliyari 124.7. Ibikorwa by’ingenzi bizibandwaho ni ibi bikurikira:**

- ✓ Gutangiza gukoresha uburyo bw’ikoranabuhanga (Smart Nkunganire System) buzajya bwifashishwa mu kwandika abahinzi no gutanga inyunganizi y’ifumbire n’imbuto ku bahinzi;
- ✓ Gukomeza gutubura imbuto imbere mu gihugu hagamijwe kugabanya imbuto zitumizwa hanze ku gipimo cya 50 ku ijana,
- ✓ Kongera hegitari 11,329 ku ubuso bw’ubutaka bwuhirwa mu rwego rwo gukomeza guhangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ikirere;
- ✓ Guteza imbere ubworozi binyuze muri gahunda yo gukingira amatungo no gutera intanga;
- ✓ Gukomeza ubukangurambaga ku gukoresha inyongeramusaruro;
- ✓ Gukomeza gushyigikira gukoresha ikoranabuhanaga mu buhinzi;
- ✓ Gutunganya amaterasi y’indinganire hagamijwe kurwanya isuri no kongera umusaruro.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

b) Inkingi y' mibereho myiza

49. Iyi nkingi igamije imibereho myiza y'abaturage binyuze mu ngamba zifasha kugira abaturage bafite ubumenyi bukenewe, abaturage babayeho neza kandi batekanye. Iyi nkingi ikaba yaragenewe amafaranga y'u Rwanda angana na **Miliyari 668.2,** bingana na 27**%** y'ingengo y'imari yose y'umwaka wa 2018/19. Ibikorwa bizitabwaho ni ibi bikurikira:

i. **Guteza imbere gahunda zifasha abatishoboye byagenewe Miliyari 104.9. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:**

- ✓ Gukomeza gahunda ya Girinka Munyarwanda hatangwa inka zigera ku bihumbi 40,000, aribyo bituma inka zatanzwe muri iyi gahunda zizaba zigeze ku bihumbi 350,000 uhereye igihe iyi gahunda yatangiriye;
- ✓ Gukomeza gahunda y'inkongoro kuri buri mwana hatangwa amata ku bana bagera ku 86,980 mu mashuri atandukanye;
- ✓ Gukomeza gutanga inkunga y'ingoboka igenerwa abatishoboye bagera 31,511 barimo abacitse kw'icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi batishoboye hamwe n'abavuye ku rugerero;

- ✓ Gukomeza kubaka no kwagura ibigo ngorarumuco bya Gitagata, Nyamagabe no kubaka ibyumba by'amashuri bigera kuri 20 mu kigo cya Iwawa;
- ✓ Gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango ibihumbi 107,000 binyuze muri gahunda ya VUP mu mirenge yose y'igihugu;
- ✓ Kwagura gahunda y'imirimo rusange ifasha abatishoboye bagera ku bihumbi 142,137 mu mirenge 270 bavuye ku bagenerwabikorwa 128,656 mu mirenge 244;
- ✓ Gukomeza gahunda yo kwimura abaturage batuye mu manegeka n'ahandi bigaragara ko hashyira ubuzima bwabo mu kaga.

ii. Guteza imbere urwego rw'ubuzima byagenewe Miliyari 205. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:

- ✓ Kongera umubare n'ubushobozi bw'abakozi bashinzwe serivise z'ubuzima mu nzego zose;
- ✓ Gukomeza Kugeza serivisi z'ubuvuzi bw'igituntu, malariya n'ubwandu bwa virusi itera Sida kuri bose,
- ✓ Gukomeza kugeza gahunda y'Ubwisungane mu kwivuza kuri buri wese;
- ✓ Gukomeza kubaka ibitaro n'ibigo nderabuzima hirya no hino mu gihugu no kubishyiramo ibikoresho (Ibitaro bya Gatonde, Gatunda, Nyabikenke, Byumba, na Munini);
- ✓ Gukomeza gahunda yo kurwanya imirire no kugwingira ku bana;

- ✓ Gukomeza guteza imbere imirire iboneye hatangwa amata ku bana 50,998 bari munsi y'imyaka 5 bafite ibibazo by'imirire mibi mu mirenge 235,
- ✓ Gutanga ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri ku bagore batwite bagera n'abonsa 15,022 no ku bana bagera ku 75,202.

iii. Guteza imbere Uburezi byagenewe Miliyari 272.8. Ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:

- ✓ Guhugura abarimu kuri gahunda y'integanyanyingisho nshya no muri gahunda y' uburezi bushingiye ku ikoranabuhanga,
- ✓ Kubaka no gusana ibyumba by'amashuri hirya no hino mu gihugu,
- ✓ Guhagarika gahunda yo kwiga abanyeshuri basimburana igitondo n'ikigoroba bagatangira kwiga umunsi wose ku banyeshuri b' umwaka wa gatanu n'uwa gatandatu w'amashuri abanza;
- ✓ Kongera ibyumba by'amashuri agezweho akoresha ikoranabuhanga mu kwigisha (Smart Classrooms),
- ✓ Guteza imbere amasomo ya Siyansi, imibare n'ikoranabuhanga mu mashuri abanza n'ayisumbuye hubakwa za laboratwari zigezweho;
- ✓ Kubaka no guha ibikoresho ibigo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro;
- ✓ Gushyigikira Kaminuza y'u Rwanda bijyanye na gahunda nshya iyifasha kunoza ireme ry'uburezi itanga no kwihaza mu mutungo;
- ✓ Gukomeza ubufatanye n'amashuri n'ibigo mpuzamahanga bitanga ubumenyi n'ubushakashatsi ku rwego rw'icyitegererezo bikorera mu Rwanda (centers of excellence).

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, Imitwe yombi;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

c) Inkingi yo Guteza Imbere Imiyoborere Myiza

50. Inkingi ya gatatu igamije guteza imbere imiyoborere myiza binyuze mu ugushimangira imiyoborere myiza n'ubutabera nk'inkingi y'iterambere ry'igihugu rirambye. Ibikorwa bikubiye muri icyi cyiciro byaragenewe amafaranga y'u Rwanda angana na **Miliyari 401.5** bingana na 1**6%** y'ingengo y'imari yose y'umwaka wa 2018/19. Ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho ni ibi bikurikira:

i. Kubumbatira umuco n'indangagaciro nyarwanda binyuze muri gahunda zikurikira:

- ✓ Gukomeza gutegura ibikorwa by'itorero mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda (Impamyabigwi, Urugerero Ruciye Ingando, Indangamirwa n'ibindi,)
- ✓ Gukomeza gushyigikira gahunda ya Ndumunyarwanda,
- ✓ Kwagura ikigo cy'igihugu cyo guteza imbere umuco w'ubutore cya Nkumba,
- ✓ Gukomeza kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
- ✓ Gukomeza guteza imbere ihame ry'uburinganire

ii. **Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu** twibanda ku bikorwa bikurikira:

- ✓ Gushyigikira urwego rushya rw'Igihugu rw'Iperereza (RIB)
- ✓ Kongera imodoka zifashishwa mu kurwanya inkongi z'umuriro;
- ✓ Kubaka no gusana sitasiyo za Polisi zitandukanye,
- ✓ Kubaka ikigo cyo gukorerwamo ibizamini by' impushya zo gutwara ibinyabiziga hifashishijwe ikoranabuhanga
- ✓ Kubaka no gusana amagereza.

iii. **Gukomeza guteza imbere urwego rw' ububanyi n'amahanga n'urwego rw'ubutabera, n'imiyoborere myiza twibanda ku bikorwa bikurikira:**

- ✓ Gukomeza kugira uruhare mu bikorwa byo kubungabunga umutekano hirya no hino ku Isi;
- ✓ Gukomeza gushyira mu bikorwa amavugurura y'urwego rw'ubutabera bigamije kugabanya imanza z'ibirarane harimo urukiko rw'ubujurire no kuvugurura inkiko z'ibanze;
- ✓ Gushyigikira urwego rw' abunganizi mu by'amategeko MAJ, Abunzi, ndetse n'ikoranabuhanga mu nzego z'ubutabera
- ✓ Gukomeza gusana no gucunga neza inzibutso za Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 zitandukanye;
- ✓ Kubaka ubushobozi mu gutanga serivisi nziza, no kugenzura ibikorwa mu nzego za Leta

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

51. Nyuma yo kubagezaho gahunda n'ibikorwa by'ingezi tuzibandaho, munyemerere mbagezeho imwe mu mishinga y'ingenzi yagenewe amafaranga muri buri nkingi:

52. Mu nkingi y'iterambere ry'ubukungu, imishinga y'ingenzi yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:
    - ✓ Umushinga ugamije kugeza amashanyarazi ku baturage hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 42**;
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi wa Mamba-Rwabusoro-Rilima: **Miliyari 12.1;**
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Kigoma-Ngozi uduhuza n'Uburundi: **Miliyari 9.8;**
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Gasogi-Kigali Special Economic Zone: **Miliyari 8.2;**
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Rulindo-Gabiro-Musha Miliyari 3;
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Rusumo-Bugesera-Shango: **Miliyari 6.7;**
    - ✓ Umushinga wo gutanga amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba ku bufatanye na MOBISOL: **Miliyari 2.9;**
    - ✓ Kwimura inganda mu gace ka Gikondo: **Miliyari 9.8;**

- ✓ Gukwirakwiza inyongeramusururo harimo imbuto n'ifumbire: **Miliyari 5.8;**
- ✓ Umushinga wo kubaka ibikorwaremezo bifasha kuhira imyaka: **Miliyari 9.8;**
- ✓ Gukomeza umushinga wa Gako wo gutunganya ahororerwa inka zitanga inyama zizacuruzwa ku masoko mpuzamahanaga: **Miliyari 5.6;**
- ✓ Gutunganya ubuso bwo kuhira imyaka mu gace ka Rwamagana: Miliyari 7;
- ✓ Gukomeza umushinga ufasha kongera umusaruro n'ubwiza bw'ikawa: **Miliyari 2.5;**
- ✓ Umushinga wo gukora ubushakashatsi ku mutungo kamere twaba dufite mu butaka bwacu: **Miliyari 1.4;**
- ✓ Umushinga wo kugura ibiraro bibiri byifashishwa mu bihe bidasanzwe (Mobile Bridges): **Miliyari 7.5**;
- ✓ Umushinga wo gusana no kwagura imihanda itandukanye mu mujyi wa Kigali: **Miliyari 5.4;**
- ✓ Umushinga wo kwagura umuhanda wa Pindura-Bweyeye: **Miliyari 3;**
- ✓ Umushinga wo kubaka ikiraro cya Satinsyi-Rubagabaga: **Miliyari 3;**
- ✓ Umushinga wo kubaka ibyambu 4 ku nkengero y'ikiyaga cya Kivu: **Miliyari 5.8**

53. Mu nkingi yo guteza imbere imibereho myiza, imishinga y'ingenzi yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:
    - ✓ Gukomeza umushinga wo gukwirakwiza amazi meza hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 19.7**;
    - ✓ Gukomeza umushinga wo gukwirakwiza amazi meza mu cyaro: **Miliyari 4;**

- ✓ Gukomeza umushinga wo guteza imbere ibikorwa by'isuku n'isukura mu mijyi hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 6.9**
- ✓ Umushinga wo gutunganya ikimoteri cya Nduba: **Miliyari 1.7;**
- ✓ Umushinga wo kubaka no gusana ibyumba by'amshuri hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 18.3;**
- ✓ Umushinga wo kurwanya kugwingira n'imirire mibi ku bana: **Miliyari 9;**
- ✓ Gukomeza kubaka no gusana amacumbi y'Abacitse ku icumu rya Jenoside batishoboye: **Miliyari 12.5;**
- ✓ Umushinga wo kubakira abaturage bahuye n'ibiza no kubaha ibikoresho by'ibanze: **Miliyari 9.8;**
- ✓ Gukomeza kubaka ibitaro bya Nyabikenke, Gatonde, Munini, Gatunda na bya Byumba: Miliyari 4.5;
- ✓ Kubaka Ikigo cy'ubushaashatsi n'ubuvuzi ku ndwara ku ndwara ya Kanseri y'urwungano ngogozi: **Miliyari 3.5;**
- ✓ Gukomeza gahunda ya Tubarere mu muryango: **Miliyoni 500**;
- ✓ Gukomeza kurwanya Malariya n'izindi ndwara z'ibyorezo nka SIDA n'igituntu: **Miliyari 53.6**.

54. Mu nkingi y'iterambere ry'imiyoborere myiza, imishinga y'ingenzi yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:

- ✓ Umushinga wo guteza imbere ikoranabuhanga ku bufatanya na Kaminuza Mpuzamahanga ya Carnegie Mellon University: **Miliyari 6.4**
- ✓ Umushinga wo gukoresha ikoranabuhanga ku binjira n'abasoka mu gihugu (E-Gates): **Miliyari 2.3;**
- ✓ Gukomeza umushinga wo gukwirakwiza ibyuma bifata amashusho mu rwego rw'umutekano (Public CCTV): **Miliyari 5;**

- ✓ Gukomeza umushinga w'ubwirinzi ku makuru y'ikoranabuhanga (cyber Security): **Miliyari 2.1**;
- ✓ Gukomeza umushinga wo kubaka stade z'uturere twa Bugesera, Ngoma na Nyagatare **(Miliyari 3.7);**
- ✓ Umushinga wo kwagura Stade Amahoro: **Miliyari 2.5;**
- ✓ Gukomeza umushinga wo kubaka ubushobozi n'amavugururа mu micungire y'umutungo wa Leta: **Miliyari 2.5**;
- ✓ Gukomeza umushinga wo Kwagura Ikigo cy'Ubutore cya Nkumba: **Miliyari 1**;
- ✓ Gukomeza umushinga wo gusana urwibutso rwa Genocide yakorewe Abatutsi rwa Bisesero: **Miliyari 1.3;**
- ✓ Gukomeza kubaka Ikigo ngororamuco cya Nyamagabe: **Miliyari 1.5;**
- ✓ Umushinga wo kubaka Ikigo kizajya gitanga ibizami by'uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara imodoka: **Miliyari 1.1;**
- ✓ Gukomeza umushinga wo guhuza serivisi z'ubugenzacyaha, ubutabera n'inkiko hifashishijwe ikoranabuhanga: **Miliyoni 600**;
- ✓ Kugura imodoka zifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro: **Miliyari 1.5.**

VI. UMWANZURO

55. Mu gusoza, munyemerere nshimire Inteko Ishinga Amategeko mu bufatanye mwatugaragarije mu itegurwa ry'iyi ngengo y'imari n'inama mwaduhaye zadufashije kunoza uyu mushinga w'Ingengo y'Imari. Gukorera hamwe n'abo dufatanya mu nzego zitandukanye byafashishije kunoza igenamigambi no kurihuza ingengo y'imari.

56. Guverinoma n'Inteko ishinga amategeko bemeranyije ko hakwiye kubaho uburyo bwafasha kugabanya ingego y'imari igenerwa ibikorwa bisanzwe no kongera ingengo y'imari igenerwa imishinga y'iterambere. Ibi bikaba byarakozwe hagabanywa amafaranga ibigo bigenerwa ingengo y'imari byari byashyize ku bikorwa bigaragara ko byakorwa hakoreshejwe amafaranga make kugira ngo hasagurirwe ibikorwa by'iterambere bitari byabonye ingengo y'imari ihagije. Amafaranga yabonetse agera kuri Miliyari 26 muri icyo gikorwa yakoreshejwe mu kugabanya icyuho mu mishinga y'ingenzi na zagahunda zirimo Uburezi, Ubuzima, ibikorwa remezo no guhangana n'ingaruka zaturutse ku biza.

57. Ku bijyanye n'ingamba zo kugabanya amafaranga agenda ku mishahara y'abakozi mu ngengo y'imari ya Leta, hafashwe umwanzuro ko mu gihe habaye amavugurura y'ikigo cyangwa urwego rwa Leta, bitabangamiye imikorere y'urwego, imishahara rwagenerwaga igomba kugabanuka cyangwa ntirenge igipimo yariho. Ibi bikazafasha kugabanya ingengo y'imari igenda ku bikorwa bisanzwe kugira ngo amafaranga menshi ahsyirwe mu mishanga y'iterambere.

58. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngengo y'Imali Leta izakomeza gushyira imbaraga kunoza imicungire y'imari n'umutungo bya Leta no kunoza imicungire y'imishinga.

59. Mu izina rya Guverinoma, nongeye kubashimira umwanya mwampaye kugira ngo mbagezeho uyu mushinga w'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2018/19, mboneraho kubasaba kuwushyigikira.

MURAKOZE

MUGIRE AMAHORO Y'IMANA